RWANDA REVENUE AUTHORITY
TAXES FOR GROWTH AND DEVELOPMENT
KG 4 Ave 8, Kimihurura, P.O.Box 3987 Kigali, Rwanda

Our Ref : 164/RRA/CG/07/2019

Your Ref :.....

Date : 28 JAN 2019

ITANGAZO

Bimaze kugaragara ko hari abantu bafungura ibigo by'ubucuruzi muri RDB, ariko ntibabyiyandikeho ahubwo bakabyandika ku mazina y'abandi bantu badafite aho bahuriye n'ubucuruzi bukorwa mu mazina yabo.

Ibyo ahanini ababikora bakaba bagamije guhunga kwishyura imisoro babereyemo leta cyangwa se bagamije iyezandonke.

Ni muri urwo rwego Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro gikangurira buri wese uziko yanditsweho ubucuruzi butari ubwe, cyangwa se wanditse ubucuruzi bwe kuwundi muntu ,kubikosoza bitarenze ku itariki ya 28/02/2019, kugirango bimurinde gukurikiranwa mu butabera nk' umuntu ukingira ikibaba abadashaka kwishyura imisoro ya leta, cyangwa se ukora icyaha cy'iyezandonke.

Ushaka ubufasha kuri icyo kibazo yahamagara telephone igendanwa no : 0788539103

Bikorewe i Kigali kuwa 28 Mutarama 2019

BIZIMANA RUGANINTWALI Pascal

Komiseri Mukuru w'Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro

RWANDA REVENUE AUTHORITY RRA P.O BOX3987 KIGALI